

ITEKA RYA PEREZIDA N°63/01 RYO KU WA 30/12/2008 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEKA RYA PEREZIDA N° 85/01 RYO KU WA 02/02/2002 RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IMIHANDA N'UBURYO BWO KUYIGENDAMO

PRESIDENTIAL ORDER N°63/01 OF 30/12/2008 MODIFYING AND COMPLETING PRESIDENTIAL DECREE N° 85/01 OF 02/09/2002 REGULATING GENERAL TRAFFIC POLICE AND ROAD TRAFFIC

ARRETE PRESIDENTIEL N°63/01 DU 30/12/2008 MODIFIANT ET COMPLETANT L'ARRETE PRESIDENTIEL N° 85/01 DU 02/09/2002 PORTANT REGLEMENT GENERAL DE LA POLICE DU ROULAGE ET DE LA CIRCULATION ROUTIERE

**Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;**

**We, KAGAME Paul,
President of the Republic;**

**Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;**

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 112, iya 120, iya 121, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 120, 121, et 201;

Dushingiye ku Masezerano yakorewe i Viyeni ku wa 8 Ugushyirahamwe 1968 yerekeye uburyo bwo kugenda mu muhanda;

Considering the Vienna Convention of 8 November 1968 relating to road traffic;

Considérant la Convention de Vienne du 8 novembre 1968 relative à la circulation routière;

Tumaze kubona Itegeko n° 34/ 1987 ryo ku wa 17/09/1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo;

Pursuant to Law n° 34/1987 of 17/09/1987 relating to traffic and road traffic policies;

Vu la Loi n° 34/1987 du 17/09/1987 relative à la police du roulage et de la circulation routière;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6 n'iya 7;

Having revisited the Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating general traffic police and road traffic as modified and complemented to date, especially in Articles 6 and 7;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière tel que modifié et complété à ce jour, spécialement en ses articles 6 et 7;

Tubisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo; Upon proposal by the Minister of Infrastructure; Sur proposition du Ministre des Infrastructures ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/06/2008, imaze kubisuzuma no kubyemeza; After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/06/2008; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/06/2008;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :

HAVE ORDERED AND DO HEREBY ORDER:

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

Ingingo ya 6 y'Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo, nk'uko yahinduwe kandi yujujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujujwe mu buryo bukurikira:

Article 6, of the Presidential Order n° 85/01 of 02/09/2002 regulating General Traffic Police and Road Traffic as modified and complemented to date, is modified and complemented as follows:

L'article 6 de l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière tel que modifié et complété à ce jour est modifié et complété comme suit:

Ingingo ya mbere: Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga

Article One: National driving licence

Article premier: Permis de conduire national

Ntawe ushobora gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mu nzira nyabagendwa adafite kandi atitwaje uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatanzwe na Polisi y'Igihugu.

Nobody shall drive, on the public highway, an automotive vehicle if he/she is not holding and carrying a driving licence issued by the National Police.

Nul ne peut conduire, sur la voie publique, un véhicule automoteur s'il n'est titulaire et porteur d'un permis de conduire délivré par la Police Nationale.

Uko uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga ruteye n'uko rutangwa, bigenwa na Minisitiri ufite Gutwara Abantu n'ibintu mu nshingano ze abisabwe na Komite y'Igihugu ishinzwe umutekano mu mihanda;

The model and modalities of issuing the national driving licence are determined by the Minister in charge of Transport upon request by the National Road Safety Committee.

Le modèle et les modalités de délivrance du permis de conduire national sont déterminés par le Ministre ayant les transports dans ses attributions sur demande du Comité National de Sécurité Routière.

Utwaye ikinyabiziga agomba kwerekana urwo ruhushya ako kanya mu gihe arubajijwe n'umukozi ubifitiye ububasha.

The driver must immediately show such a licence when asked for it by a qualified agent.

Le conducteur est tenu d'exhiber immédiatement ce permis lorsqu'il en est requis par un agent qualifié.

Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rumara imyaka itanu; nyuma y'icyo gihe, rushobora kwongerwa igihe mu buryo buteganywa na Minisitiri ufite ibyo gutwara Abantu n'Ibintu mu nshingano ze abisabwe na Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano mu muhanda.

The Driving licence shall have a validity of five years, and shall be renewed under conditions determined by the Minister in charge of Transport upon request by National Road Safety Committee.

Le permis de conduire national a une validité de cinq ans; il est renouvelable dans les conditions déterminées par le Ministre ayant les Transports dans ses attributions sur demande du Comité National de Sécurité Routière.

Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga rwerekana urwego cyangwa inzego z'ibinyabiziga rwatangiwe.

The national driving licence shall indicate the category (ies) of the vehicle for which it is valid.

Le permis de conduire national indique la ou les catégories de véhicules pour lesquelles il est valable.

Ingingo ya 2: Inzego z'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga

Article 2: Categories of national driving licence

Article 2: Catégories du permis de conduire national

Inzego z'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga ni izi zikurikira:

The categories of national driving licence shall be the following:

Les catégories de permis de conduire national sont les suivantes:

Urwego A : Amapikipiki n'ibinyamitende itatu bifite moteri biriho cyangwa bidafite intebe ku ruhande;

Category A: Motorcycles and motor tricycles with or without side-car;

Catégorie A: Motocyclettes et tricycles à moteur, avec ou sans side-car;

Urwego A1: Amapikipiki n'ibinyamitende itatu bifite moteri byakorewe kugenzwa n'abafite ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe;

Category A1: Motorcycles and motor tricycles made for the physically handicapped persons;

Catégorie A1: Motocyclettes et tricycles à moteur construits pour être conduit par les personnes physiquement handicapées;

Urwego B:

Category B:

Catégorie B:

1° Imodoka zakorewe gutwara abantu kandi zifite imyanya munani ntarengwa yo kwicarwamo hatabariwemo uw'uyitwaye;

1° Automobile vehicles made for the transport of persons and having, in addition to the driver's seat, a maximum of eight seats;

1° Véhicules automobiles construits pour le transport de personnes et comportant, outre le siège du conducteur, huit places au maximum;

2° Imodoka zagenewe gutwara ibintu kandi zifite uburemere ntarengwa bwemewe butarenga ibiro 3.500;

3° Ibinyamitende ine bifite moteri.

Ku binyabiziga byo muri urwo rwego bashobora gushyiraho rumoruki ntoya ifite umutambiko umwe.

Urwego B1: Imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya munani ntarengwa yo kwicarwamo zakorewe kugenzwa n'abafite ubumuga bw'ingingo zimwe na zimwe .

Urwego C: Imodoka zagenewe gutwara ibintu bifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 3.500.

Ku binyabiziga by'urwo rwego bashobora gushyiraho rumoruki ntoya.

Urwego D: Imodoka zakorewe gutwara abantu kandi zifite imyanya iri hejuru y'umunani yo kwicarwamo, ariko itarengeje mirongo itatu (30) hatabariwemo uw'uyitwaye.

Urwego D1: Imodoka zagenewe gutwara abantu kandi zifite imyanya irenga mirongo

2° Automobile vehicles affected to the transport of goods and having a 3.500 kg authorised maximum weight;

3° Motor quadricycles.

Vehicles of this category may be coupled a light trailer with one axle.

Category B1: Automobile vehicles made for the transport of persons and having a maximum of eight seats built to be driven by the physically handicapped persons.

Category C: Automobile vehicles made for the transport of things and having an authorised maximum weight exceeding 3.500 kg.

Vehicles of this category can be coupled a light trailer.

Category D: Automobile vehicles made for the transport of persons and having more than eight (8) seats but not exceeding thirty seats (30), in addition to the driver's seat.

Category D1: Automobile vehicles made for the transport of persons and having in addition

2° Véhicules automobiles destinés au transport des marchandises et ayant un poids maximum autorisé n'excédant pas 3.500 kg;

3° Quadricycles à moteur.

Aux véhicules de cette catégorie peut être attelée une remorque légère à un essieu.

Catégorie B1: Véhicules automobiles destinés au transport des personnes et comportant huit places au maximum construits pour être conduits par les personnes physiquement handicapées.

Catégorie C: Véhicules automobiles affectés au transport de choses et dont le poids maximum autorisé excède 3.500 kg.

Aux véhicules de cette catégorie peut être attelée une remorque légère.

Catégorie D: Véhicules automobiles construits pour le transport de personnes et comportant plus de huit places (8) sans toutefois aller au-delà de trente (30) places assises, outre le siège du conducteur.

Catégorie D1: Véhicules automobiles construits pour le transport de personnes et

itatu yo kwicaramo (30) hatabariwemo uw'uyitwaye.

Urwego E: Ibinyabiziga bikomatanye bifite ikinyabiziga gikurura kiri muri rumwe mu nzego B, C na D ugitwaye afitiye uruhushya rwo gutwara kandi rumoruki yabyo ikaba ifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 750.

Urwego F: Ibinyabiziga bidasanze (ibimashini bihinga, bikora imihanda, biterura bikanapakira, ...).

Ibinyabiziga bigenda mu nzira nyabagendwa bitabarirwa muri rumwe mu nzego zimaze kuvugwa, nk'imashini z'ubuhinzi cyangwa z'inganda zibarirwa mu rwego B, nta kwita ku buremere bwazo.

Ingingo ya 3: Ibizamini bikorwa kugirango hatangwe uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga

Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga rutangwa abarusaba bamaze gutsinda ibizamini bikurikira kandi herekanywe icyemezo gitangwa na muganga wemewe akurikije ibivugwa mu ngingo ya 8 y'iri teka:

1° ikizamini ku masomo cyanditse cyerekana

to the driver's seat, more than thirty (30) seats.

Category E: Line of vehicles the hauler of which is included in one of the categories B, C, D for which the driver is authorised and a trailer which has more than 750 kg authorised maximum weight.

Category F: Special machines (agricultural tractors, bulldozers, wrecking cranes...).

The automobile vehicles circulating on the public highway which are not included in any of the categories specified here-above, such as agricultural or industrial mobile material, shall be classified whatever their weight in category B.

Article 3: Exams to obtain a driving licence

The national driving licence shall be issued after the following tests have been satisfactorily passed and a medical certificate issued by a registered doctor has been handed over in conformity with the provisions of Article 8 of this Order:

1° theory test proving that the interested person

comportant, outre le siège du conducteur, plus de trente (30) places assises.

Catégorie E: Ensemble de véhicules dont le tracteur rentre dans l'une des catégories B, C et D pour laquelle le conducteur est habilité et dont la remorque a un poids maximum autorisé supérieur à 750 kg.

Catégorie F: Engins spéciaux (les engins agricoles, les bulldozers, grue de levage....).

Les véhicules automobiles circulant sur la voie publique qui ne rentrent dans aucune des catégories définies ci-dessus, tels que le matériel mobile agricole ou industriel, sont classés quelque soit leur poids, dans la catégorie B.

Article 3: Epreuves pour l'obtention d'un permis de conduire

Le permis de conduire national est délivré après qu'il a été satisfait aux épreuves suivantes et sur présentation d'un certificat médical délivré par un médecin agréé en conformité avec les dispositions de l'article 8 du présent arrêté:

1° un examen théorique écrit établissant que

ko ubazwa azi bihagije amategeko y'umuhanda;	has sufficient knowledge of traffic rules;	l'intéressé a une connaissance suffisante du règlement sur la police du roulage;
2° ikizamini cyerekana ko ubazwa azi gutwara ikinyabiziga cyo mu rwego asabira uruhushya rwo gutwara.	2° practical test on the category for which the licence is requested.	2° un examen pratique attestant que l'intéressé sait conduire le véhicule de la catégorie pour laquelle il sollicite un permis.
Ibizamini byerekeye amasomo no gutwara ibinyabiziga kugirango hatangwe uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga bikorwa mu buryo bwashyizweho na Minisitiri ufite gutwara abantu n'ibintu mu nshingano ze abisabwe na Komite y'Igihugu ishinzwe Umutekano w'Umuhanda.	The theory and practical tests for the driving licence shall be administered under conditions determined by the Minister in charge of Transport upon request by the National Road Safety Committee.	Les examens théoriques et pratiques pour l'obtention d'un permis de conduire sont faits dans les conditions fixées par le Ministre ayant les transports dans ses attributions sur demande du Comité National de Sécurité Routière.
<u>Ingingo ya 4: Urushushya rw'agateganyo rwo gutwara ikinyabiziga</u>	<u>Article 4: Provisional driving licence</u>	<u>Article 4: Permis de conduire provisoire</u>
Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rushobora guhabwa umuntu wese urusabye kugirango bimufashe kugera ku bumenyi buhagije bwo gutwara ibinyabiziga buzatuma abona icyemezo cy'uburenganzira burunduye.	A provisional driving licence may be issued to any person who requests for it in order to enable him/her acquire the practical knowledge in view of obtaining a driving licence.	Un permis de conduire provisoire peut être délivré à toute personne qui en fait la demande pour lui permettre d'acquérir les connaissances pratiques requises en vue de l'obtention du permis de conduire.
Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa ari uko urwaka atsinze ikizamini cy'amasomo giteganywa mu ngingo ya 3 igika cya mbere 1°.	Provisional driving licence is conditional on passing the theory test as provided for in Article 3 Paragraph One 1°.	La délivrance du permis de conduire provisoire est subordonnée à la réussite de l'examen théorique prévu à l'article 3, alinéa premier 1°.
Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rufite agaciro ku nzego zose	The provisional driving licence shall be valid for all categories of vehicles.	Le permis de conduire provisoire est valable pour toutes les catégories de véhicules.

z'ibinyabiziga.

Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga rumara umwaka umwe; icyo gihe rushobora kwongerwa inshuro imwe gusa.

The provisional driving licence shall have a validity of one year, renewable only once.

Le permis de conduire provisoire a une validité d'une année et est renouvelable une fois seulement.

Ufite uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga ntiyemerewe gutwara imodoka keretse ari kumwe n'umwigisha ufite uruhushya rwo mu rwego rw'imodoka atwaye.

The holder of a provisional driving licence shall be only authorised to drive an automobile vehicle with a driving instructor holding a driving licence valid for the category of the vehicle used.

Le titulaire d'un permis provisoire n'est autorisé à conduire un véhicule automobile qu'à la condition d'être accompagné par un moniteur titulaire d'un permis de conduire valable pour la catégorie du véhicule utilisé.

Umwigisha agomba kuba iruhande rw'uwo yigisha kugira ngo ashobore kureba neza ibyo akora kandi amugoboke mu gihe cyo kuyitwara iyo bibaye ngombwa.

The driving instructor shall be near the apprentice driver so as to be able to control the manoeuvres and efficiently intervene in the driving of the vehicle when necessary.

Le moniteur devra se placer aux côtés du conducteur apprenti de manière à pouvoir contrôler ses manœuvres et intervenir efficacement dans la conduite du véhicule en cas de nécessité.

Ikinyabiziga cyigirwaho kigomba kuba gifite inyuma ikimenyetso kigizwe n'inyuguti "L" yera yanditswe mu ibara ry'ubururu kandi ifite uburebure butari hasi ya santimetero 15 n'icyapa cyanditseho "AUTO-ECOLE" cyangwa "DRIVING SCHOOL" mu nyuguti z'umukara zanditswe mu ibara ry'umweru.

The vehicle used for the apprenticeship must be equipped at the back with a sign constituted by the letter "L" painted in white on a blue base whose height will not be less than 15 cm and with a sign bearing the "AUTO ECOLE" or "DRIVING SCHOOL" mention painted in black on a white base.

Le véhicule servant à l'apprentissage doit être marqué, à l'arrière, d'un signe constitué par la lettre "L" de couleur blanche sur fond bleu et dont la hauteur ne sera pas inférieure à 15 centimètres et d'un panneau portant la mention **AUTO ECOLE** ou **"DRIVING SCHOOL"** de couleur noir sur fond blanc.

Ingingo ya 5: Isimburwa ry'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga

Article 5: Replacement of a driving licence

Article 5: Remplacement d'un permis de conduire

Iyo rwatakaye, rwibwe cyangwa rwangiritse, uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rusimburwa by'agateganyo, mu gihe gihagije

In case of loss, theft or deterioration, the driving licence is provisionally replaced, for the length of time necessary to obtain a

En cas de perte, de vol ou de détérioration, le permis de conduire est remplacé provisoirement, pour la durée nécessaire à

kugirango habe habonetse inyandiko nshungu yarwo kandi icyo gihe ntikirenge iminsi cumi n'itanu, n'urupapuro rufite agaciro nk'ak'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rutangwa n'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye.

Bisabwe n'uware afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga rwatakaye, rwibwe cyangwa rwangiritse, urwego rwatanze urwa mbere rutanga n'inyandiko nshungu yarwo.

Ingingo ya 6: Igiciro cy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n'inyandikonshungu yarwo

Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n'inyandikonshungu yarwo bitangwa ari uko hishyuwe amafaranga y'u Rwanda ku buryo bukurikira:

- 1° Uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga ku rwego rutangirirwaho: ibihumbi mironko itanu (50.000. frw);
- 2° Kuri buri rwego rwiyoungereyeho: ibihumbi icumi (10.000 frw);
- 3° Uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga: ibihumbi icumi (10.000 frw);
- 4° Inyandikonshungu y'uruhushya

duplicate and in not more than fifteen days, and a document standing for the driving licence is issued by the Chief Intermediate Prosecutor.

Upon request lodged by the holder of the lost, stolen or deteriorated licence, a duplicate of that licence is issued by the department that had issued the original.

Article 6: Price of driving licence and its duplicate

Issuing of a driving licence and a duplicate shall be subject to payment of the following taxes:

- 1° National driving licence for a determined category: fifty thousand (50.000) Rwandan francs;
- 2° For each additional category: ten thousand (10,000) Rwandan francs;
- 3° Provisional driving license: ten thousand (10,000) Rwandan francs;
- 4° Duplicate of national driving licence:

l'obtention d'un duplicata et qui ne peut être supérieure à quinze jours, par un titre tenant lieu de permis de conduire délivré par le Procureur en Chef au niveau de Grande Instance.

A la demande du titulaire du permis perdu, volé ou détérioré, un duplicata de ce permis est délivré par les services qui ont délivré l'original.

Article 6: Prix d'un permis de conduire et de son duplicata

La délivrance d'un permis de conduire et d'un duplicata est subordonnée au paiement des taxes suivantes:

- 1° Permis de conduire national pour une catégorie déterminée: cinquante mille (50.000) francs rwandais;
- 2° Par catégorie supplémentaire: dix mille (10.000) francs rwandais;
- 3° Permis de conduire provisoire: dix mille (10.000) francs rwandais;
- 4° Duplicata du permis de conduire national:

nyarwanda rwo gutwara ibinyabiziga: ibihumbi makumyabiri na bitanu (25.000 frw);	twenty five thousand (25.000) Rwandan francs;	vingt cinq mille (25.000) francs rwandais;
5° Inyandikonshungu y'uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga: ibihumbi bitanu (5.000 frw);	5° Duplicate of provisional driving licence: five thousand (5.000) Rwandan francs;	5° Duplicata du permis provisoire: cinq mille (5.000) francs rwandais;
6° Kongerera igihe uruhushya rw'agateganyo rwo gutwara ibinyabiziga: ibihumbi bitanu (5.000 frw);	6° Renewing provisional driving licence: five thousand (5.000) Rwandan francs;	6° Prolongation du permis provisoire : cinq mille (5.000) francs rwandais;
7° Guhinduza Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rw'amahanga : ibihumbi mirongo itanu (50.000. frw);	7° Changing foreign driving licence: fifty thousand (50.000) Rwandan francs;	7° Echange du permis étranger : cinquante mille (50.000) francs rwandais;
8° Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga : ibihumbi mirongo itanu (50.000. frw);	8° International driving licence: fifty thousand (50.000) Rwandan francs;	8° Permis de conduire international: cinquante mille (50.000) francs rwandais;
9° Gukora ikizamini cy'uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga: ibihumbi icumi (10.000 frw);	9° National driving licence's test: ten thousand (10.000) Rwandan francs;	9° Examen du permis de conduire national: dix mille (10.000) francs rwandais;
10° Gukora ikizamini cy'uruhushya rw'agateganyo: ibihumbi bitanu(5.000frw);	10° Provisional driving licence's test: five thousand (5.000) Rwandan francs;	10° Examen du permis provisoire : cinq mille (5.000) francs rwandais;
11° Gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kuri buri rwego rwiyoungereye: ibihumbi icumi (10.000 frw);	11° Additional category's test : ten thousand (10.000) Rwandan francs;	11° Examen de la catégorie supplémentaire: dix mille (10.000) francs rwandais;

Ingingo ya 7: Uburwayi butabangikanywa no gutunga uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga

Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwimwa cyangwa rwamburwa abantu barwaye indwara zikurikira:

1° Ukutabona.

Ku byerekeye uruhushya rwo mu rwego C, D, E, na F, ukubona kw'ijisho kugomba kugira :

- a) 8/10 kuri buri jisho;
- b) 7/10 ku jisho rimwe na 9/10 ku rindi jisho;
- c) 6/10 ku jisho rimwe na 10/10 ku rindi.

Biremewe ko uburwayi bw'amaso bukosorwa n'amatarata abigenewe.

2° Ukutumva cyangwa ukumva buhoro bikabije kandi ku matwi yombi.

3° Izindi ndwara z'ubuzima zibuza bikabije ingingo gukora neza cyangwa zihungabanya imikorere y'ubwonko.

Article 7: Disorders leading to the refusal and withholding of driving licence

The driving licence may be refused to or withheld from persons affected by the following disorders:

1° Visionary acuteness.

For licences of categories C,D,E and F, acuteness of vision must be either :

- a) 8/10 for each eye;
- b) 7/10 for one eye and 9/10 for the other;
- c) 6/10 for one eye and 10/10 for the other.

It is accepted that acuteness of vision insufficiency can be corrected by wearing appropriate lenses.

2° loss or accented and bilateral decrease;

3° Other physical disorders hindering considerably the functioning of the locomotive apparatus or affecting the psycho nervous equilibrium.

Article 7: Maladies incompatibles avec la détention d'un permis de conduire

Le permis de conduire est refusé ou retiré aux personnes affectées des maladies suivantes:

1° La non vision.

Pour les permis de catégories C, D, E et F l'acuité visuelle doit être soit de:

- a) 8/10 pour chacun des deux yeux;
- b) 7/10 pour un œil et de 9/10 pour l'autre;
- c) 6/10 pour un œil et de 10/10 pour l'autre.

Il est permis que l'insuffisance d'acuité visuelle soit corrigée par le port de lunettes appropriées.

2° Perte ou diminution d'audition accentuée et bilatérale.

3° Autres maladies physiques entravant considérablement le fonctionnement de l'appareil locomoteur ou affectant l'équilibre psycho nerveux.

Ingingo ya 8: Ukwamburwa uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga

Umushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye ashobora gutumiza umuntu wese ufite uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga akekaho bumwe mu burwayi bumaze kuvugwa kugira ngo asuzumwe na muganga amutegetse; muganga yohereza uwo Mushinjacyaha ibyo yabonye mu gihe kitarengeje iminsi umunani(8).

Umushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye ashobora kwambura by'agateganyo uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga umuntu wese wanze gusuzumwa na muganga; ashobora na none kwambura uruhushya umuntu wese uzwiho uburwayi bumaze kuvugwa.

Icyemezo cy'Umushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye, kiri kumwe n'inyandikuro yemewe ya raporo ya muganga wa Leta, cyoherezwa nyir'ubwite mu ibaruwa ishinganywe mu iposita ikanatangirwa icyemezo cy'uko bayibonye.

Icyemezo cy' Umushinjacyaha uyobora ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye cyafashwe kubera kwanga gusuzumwa na muganga ntikijuririrwa.

Article 8: Withholding driving licence

The Chief Intermediate Prosecutor may invite any holder of a driving licence who presumably is affected by one of the disorders enumerated above, to undergo a medical test done by a doctor he/she chooses, who will communicate his/her conclusions to that Prosecutor within a period not exceeding eight days(8).

The Chief Intermediate Prosecutor may temporarily withdraw the driving licence from any person who refuses to undergo the medical test prescribed; he/she can also withdraw the driving licence from any person who shall be affected by any one of the disorders enumerated above.

The decision of the Chief Intermediate Prosecutor shall be communicated to the interested person by means of a notification with a certified copy of the medical report, by registered mail with receipt notice.

The decision of the Prosecutor motivated by a refusal to undergo the medical test cannot be appealed.

Article 8: Retrait d'un permis de conduire

Le Procureur en Chef au niveau de Grande Instance peut inviter tout titulaire d'un permis de conduire qu'il présume être affecté d'une des maladies énumérées ci-dessus, à subir un examen médical fait par le médecin qu'il désigne; le médecin communiquera ses conclusions audit Procureur dans un délai qui ne pourra excéder huit jours(8).

Le Procureur en Chef au niveau de Grande Instance peut retirer provisoirement le permis de conduire à toute personne qui refuserait de se soumettre à l'examen médical prescrit; il peut également retirer le permis de conduire à toute personne qui serait reconnue atteinte d'une des maladies énumérées ci-dessus.

La décision du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance est signifiée à l'intéressé, avec une copie certifiée conforme du rapport médical, sous pli recommandé à la poste avec accusé de réception.

La décision du Procureur fondée sur le refus de se soumettre à l'examen médical n'est pas susceptible d'appel.

Ku zindi mpamvu, icyemezo gishobora kujurirwa ku Mushinjacyaha Mukuru mu gihe cy'iminsi mirongo itatu(30) nyir'ubwite amaze kubona icyemezo cy' Umushinjacyaha Uyobora ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye. Igihe cyemewe cyo kujurira n'icy'ubujurire ntibihagarika ishyirwa mu bikorwa ry' icyemezo.

Uwajuriye asuzumwa n'akanama k'abaganga batatu; umwe muri bo ashyirwaho n'Umushinjacyaha Mukuru, uwa kabiri agashyirwaho n'uwajuriye, uwa gatatu agashakwa n'abo baganga babiri ba mbere.

Ukwamburwa uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kugumaho ari uko byemejwe n'ubwiganze bw'amajwi y'abagize ako kanama; muri icyo gihe amafaranga agomba gutangwa aherera k'uwajuriye.

Icyemezo cyo kwambura burundu uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga kimenyeshwa urwego rwarutanze ari narwo rurusubirana.

Ingingo ya 9: Abemerewe gutwara ikinyabiziga batitwaje uruhushya nyarwanda

Hatitawe ku bimaze kuvugwa mu ngingo zibanziriza iyi, abadategetswe gutwara ibinyabiziga bafite uruhushya nyarwanda ni

In other cases, the appeal against the decision may be lodged before the Prosecutor General; within thirty (30) days starting from the receipt of the decision of the Chief Intermediate Prosecutor. The time limit for instituting an appeal as well as the appeal itself has no suspense effect.

The appellant shall be examined by a three doctors' team; the first being designated by the General Prosecutor, the second by the appellant and the third chosen by the two previously designated doctors.

The withdrawal of a driving licence shall be maintained on the team's advice only, when expressed by the majority of its members. In this case, fees are paid by the appellant.

If the withdrawal decision is final, it is communicated to the authority that had issued the driving licence which must be sent back.

Article 9: Drivers exonerated from having national driving licence

By derogation to the preceding provisions, drivers residing in Rwanda for less than one year shall be exonerated from having the

Dans les autres cas, l'appel de la décision peut être interjeté auprès du Procureur Général dans les trente (30) jours de la réception de la décision du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance. Le délai d'appel ainsi que l'appel n'ont pas d'effet suspensif.

L'appellant est examiné par une commission de trois médecins; dont l'un est désigné par le Procureur Général et un autre par l'appellant, le troisième étant choisi par les deux premiers médecins désignés.

Le retrait du permis de conduire ne peut être maintenu que sur avis de la commission, exprimé à la majorité de ses membres; dans ce cas, les frais sont à la charge de l'appellant.

Si la décision de retrait est définitive, elle est portée à la connaissance de l'autorité ayant délivré le permis retiré qui doit lui être transmis.

Article 9: Les conducteurs exonérés du permis de conduire national

Dérogation faite aux dispositions qui précèdent, ne sont pas tenus d'être munis d'un permis de conduire national, les conducteurs

<p>abataramara umwaka umwe mu Rwanda iyo bafite:</p>	<p>national driving licence when :</p>	<p>résidant depuis moins d'un an au Rwanda qui sont:</p>
<p>1° uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga ruteye kimwe n'urugero rugize Umugereka wa 7 w'Amasezerano yakorewe i Viyeni kuwa 8 Ugushyingo 1968 yerekeye uburyo bwo kugenda mu muhanda;</p>	<p>1° either holders of an international driving licence conforming to the model constituting Annex 7 of Vienna Convention of November 8, 1968 relating to road traffic;</p>	<p>1° soit titulaires d'un permis de conduire international conforme au modèle constituant l'Annexe 7 de la Convention de Vienne du 8 novembre 1968 relative à la circulation routière;</p>
<p>2° uruhushya mvamahanga rwo gutwara ikinyabiziga ruhuje n'amategeko ari ku Mugereka wa 6 w'Amasezerano y'i Viyeni yo ku wa 8 Ugushyingo 1968, ariko urwo ruhushya rukaba rufite agaciro, kandi rwaratanzwe n'igihugu cyasinye ayo masezerano cyangwa n'ikigo cyabihereye ububasha n'ikindi gihugu cyasinye ayo masezerano.</p>	<p>2° holders of a foreign driving licence conforming to provisions of Annex 6 of Vienna Convention of November 8, 1968 as long as that driving licence is valid and has been issued by another Contracting Party or by an Organisation authorised to that effect by another party to the Convention.</p>	<p>2° soit titulaires d'un permis de conduire étranger conforme aux dispositions de l'Annexe 6 de la Convention de Vienne du 8 novembre 1968, pour autant que ce permis soit valide et qu'il ait été délivré par une autre Partie Contractante ou par un Organisme habilité à cet effet par une autre Partie à la Convention.</p>
<p>Abafite rumwe muri izo mpushya bagomba guhita barwerekana iyo babisabwe n'umukozi ubifitiye ububasha.</p>	<p>The holders of one of those licences are obliged to hand it over immediately when so requested by a qualified agent.</p>	<p>Les titulaires de l'un de ces permis sont tenus de le produire immédiatement lorsqu'ils en sont requis par un agent qualifié.</p>
<p>Batagombye gukora ikizamini cy'amasomo n'icyo gutwara ikinyabiziga, bashobora kubona uruhushya nyarwanda rwo gutwara ikinyabiziga iyo berekanye uruhushya mpuzamahanga cyangwa mvamahanga, bapfa gusa kubisaba mbere y'irangira ry'igihe cy'umwaka giteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p>	<p>They can, without being obliged to undergo theory and practical tests, obtain a national driving licence on presentation of their international or foreign licence, under the condition of introducing the request before the expiry of the period of one year as provided for in the first paragraph of this Article.</p>	<p>Ils peuvent, sans devoir subir les épreuves théoriques et pratiques, obtenir un permis de conduire national au vu de leur permis international ou étranger, à condition d'en introduire la demande avant l'expiration du délai d'un an prévu au premier alinéa du présent article.</p>

Ingingo ya 10: Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga

Ingingo ya 7 y'Iteka rya Perezida n° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo, nk'uko yahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

Polisi y'Igihugu ifite ububasha bwo gutanga Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga hakurikijwe ibiri ku mugereka wa 7 w'amasezerano y'i Viyeni yo ku wa 8 Ugushyirahamwe 1968 yerekeranye n'uburyo bwo kugenda mu muhanda.

Uruhushya mpuzamahanga rwo gutwara ikinyabiziga rushobora guhabwa gusa abafite icyemezo cyo gutwara ikinyabiziga cyatanze n'igihugu cyabo kandi kigifite agaciro.

Ingingo ya 11: Ingingo y'inziyacyuho

Abari basanzwe bafite impushya zo gutwara ibinyabiziga zikoresheye mu Rwanda bafite igihe kitarengeje umwaka umwe (1) uhariye igihe iri teka ritangiriyeye gukurikizwa kugira ngo bubahirize ibiteganywa n'arwo.

Article 10: International driving licence

Article 7 of the Presidential Decree n° 85/01 of 02/09/2002 regulating General Traffic Police and Road Traffic as modified and complemented to date is modified and complemented as follows:

The National Police shall be competent to issue international driving licence in conforming to the model constituting Annex 6 of Vienna Convention of November 8, 1968 relating to road traffic.

An international driving licence can only be issued to drivers holding a valid national driving licence.

Article 11: Transitional provision

Holder of the Driving licenses which were in use in Rwanda have a period of one (1) year effective from the date of commencement of this Order to conform to its provisions.

Article 10: Permis de conduire international

L'article 7 de l'Arrêté Présidentiel n° 85/01 du 02/09/2002 portant règlement général de la police du roulage et de la circulation routière, tel que modifié et complété à ce jour, est modifié et complété comme suit :

La Police Nationale est habilitée à délivrer des permis de conduire internationaux conformément au modèle constituant l'annexe 6 de la Convention de Vienne du 8 novembre 1968 relative à la circulation routière.

Un permis de conduire international ne peut être délivré qu'aux conducteurs titulaires d'un permis de conduire national valide.

Article 11: Disposition transitoire

Les détenteurs des permis de conduire qui étaient d'usage au Rwanda ont une période d'une (1) année à partir de l'entrée en vigueur du présent arrêté pour se conformer à ses dispositions.

Ingingo ya 12: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Minisitiri w'Ingabo, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije n'aryo zivanyweho.

Ingingo ya 14: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku itariki ya 11/06/2008.

Kigali kuwa 30/12/2008

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Article 12: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Infrastructure, the Minister of Defence, the Minister of Foreign Affairs and Cooperation, the Minister of Local Government, the Minister of Internal Security and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 13: Repealing of inconsistent provisions

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 14: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 11/06/2008.

Kigali, on 30/12/2008

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

Article 12 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre des Infrastructures, le Ministre de la Défense, le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération, le Ministre de l'Administration Locale, le Ministre de la Sécurité Intérieure ainsi que le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 13: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 14: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 11/06/2008.

Kigali, le 30/12/2008

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)